# Inkwavu za Mucyo



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Inkwavu za Mucyo




Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

UMWIZERWA Marie Claire, yanditse iyi nkuru afite imyaka 15, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza, mu Kigo cy'Amashuri cya Kinyambi, Akarere ka Kamonyi, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, INKWAVU ZA MUCYO, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Mucyo yavukaga mu muryango utishoboye.
Kubona ibikoresho by'ishuri byari bigoye.



Amasomo yose yayandikaga mu ikayi imwe. Akababazwa no kutagira ibikoresho bihagije.




Ariko yakurikiraga amasomo ashishikaye.
Agahora ari uwa mbere mu ishuri ryabo.



Umunsi umwe, Mucyo yasuye nyirasenge.
Hari mu biruhuko.
Amweretse indangamanota ye, aranezerwa.



Bukeye, Mucyo asubira iwabo.
Nyirasenge amuha inkwavu ebyiri.
Aramushimira maze ataha anezerewe.



Ageze iwabo abwira se ko yifuza kuzorora.
Se amwubakira ikibuti cyo kuzororeramo.



Mucyo azishyiramo, atangira kuzitaho.
Buri gitondo yazindukaga azahirira.
Hanyuma akajya ku ishuri.



Inkwavu zirororoka, ziba nyinshi cyane.
Se amwubakira ikindi kibuti kinini.




Akajya amufasha kuzitaho yagiye ku ishuri. Inkwavu zirororoka karahava!



Nyuma y'umwaka, Mucyo agurishamo nkeya.
Amafaranga ayaguramo ibikoresho by'ishuri.



Yaguze amakayi, amakaramu n'igikapu.
Yaguze kandi n'ibifuniko.
Afunika amakayi ngo atazangirika.



Mucyo yari yishimye cyane.
Abona ibikoresho by’ishuri byose imbere ye.




Inkwavu za Mucyo zakomeje kororoka.
Abantu bakaza iwabo kuzigura.
Bamwe bakazorora abandi bakazirya.




Umuryango utangira kubona ibyo kurya.
Bakabona imyambaro n'amasabune.
Bakishyura kandi ubwisungane mu kwivuza.



Nuko Mucyo atumira inshuti ze.
Azishishikariza gukunda umurimo.
Azigisha guhera kuri bike zigatera imbere.



Inshuti ze zashimye inama azigiriye.
Ziyemeza kumwigiraho.
Azoroza inkwavu, azereka n'uko zitabwaho.



Mu mudugudu wabo, abana biteje imbere.
Bashyizeho ikimina kugira ngo bizigamire.



Mu kiruhuko batumira ababyeyi babo.
Bishimira iterambere bamaze kugeraho.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA